REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE
Dr. EDOUARD NGIRENTE

MU MUHANGO WO GUSHYIRA UMUKONO KU MIHIGO Y'UMWAKA WA 2020/2021 NO KUGARAGAZA UKO IMIHIGO YA 2019/2020 YASHYIZWE MU BIKORWA

Nyagatare, ku wa 30/10/2020

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda,**
- **Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu,**
- **Bayobozi mu nzengo zitandukanye mwitabiriye uyu muhango,**

1. Ndagira ngo mbanze mbasabe dushimire Nyakubahwa Perezida wa Repubulika watuboneye uyu mwanya, kugira ngo aze tumwereke ibyo inzego zinyuranye zagezeho mu mihigo, ariko tunamwereka ibyo twahigiye muri uyu mwaka w'ingengo y'imari mushyashya.

2. Muri uyu mwanya, nagiraga ngo mbagezeho uko imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2019/2020 yashyizwe mu bikorwa. Ndabagezaho kandi bimwe mu bikorwa by'ingenzi bikubiye mu mihigo y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021. Ndaza kurangiza mbagezaho uko inzego zinyuranye Intara, Uturere byesheje imihigo y'uyu mwaka ushize.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

3. Nk'uko mwatugiriye inama, uburyo bwo gutegura no gusuzuma imihigo bwaranogejwe. Hibanzwe ku bipimo n'imihigo ikemura ibibazo bikibangamira imibereho myiza y'abaturage (Human security issues). Hitawe kandi no ku mikorere y'ubuyobozi mu guhindura imibereho y'umuturage (Transformational leadership).

4. Ni muri urwo rwego ikurikirana n'isuzuma ry'imihigo y'umwaka wa 2019/2020 ryitaye ku mahame akurikira:

- Ihame ry'uko buri mwaka hazajya hasuzumwa ibyagezweho mu mihigo (outcome assessment) kandi buri myaka itatu

hagasuzumwa icyo iyo mihigo yagejeje ku baturage (Impact assessment).

- Ihame ry'uko umuhigo ugomba kugerwaho wose ugahabwa amanota 100% bitaba ibyo ugahabwa 0%. Twemeza ko nta muhigo w'igice ukeneye kuzongera kubaho. Iyi ni imihigo idashobora kugira icyo imarira abaturage mu gihe itakozwe ngo yuzure. Ingero: Kubaka ibitaro cyangwa amashuri.

- Hari n'imihigo yahawe amanota hashingiwe ku kigero igezeho ishyirwa mu bikorwa. Ni ukuvuga mu gihe iba ifite icyo yamarira abaturage mu iterambere n'imibereho myiza yabo naho twaba tutarayigeraho 100%. Urugero: Ubwitabire bw'abaturage muri gahunda y'ubwisungane mu kwivuza.

- Ihame ry'uko Uturere tutashyize mu bikorwa neza imihigo ijyanye no gukemura ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage, tugomba gutakaza amanota mu isuzuma ry'imihigo.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

5. Munyemerere mbagezeho bimwe mu by'ingenzi byagezweho mu mihigo y'umwaka ushize, akaba ari ibi bikurikira:

6. Mu rwego rw'ingufu, ingo zisaga ibihumbi 134, inganda n'ibigo bishya 342 byahawe amashanyarazi. Kugeza ubu, mu Rwanda ingo zifite amashanyarazi zimaze kugera kuri 57,4% zivuye kuri 51% twari dufite mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019. Ni ukuvuga ko ku mashanyarazi twiyongereyeho nibura 6%.

7. Mu rwego rw'ubwikorezi, hubatswe hanasanwa imihanda 5 ya kaburimbo ifite uburebure bwa kilometero zisaga 300.

8. Mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, umusaruro wariyongereye ku bihingwa by'ingenzi birimo ibigori, ibishyimbo, ibirayi n'ingano.

9. Muri gahunda yo kuhira imyaka, muri uyu mwaka huhiwe hegitari zisaga ibihumbi 17. Kuri ubu, tukaba tugeze kuri hegitari zirenga ibihumbi 58 ku ntego dufite yo kuhira hegitari 102.284 kugeza mu 2024. Tukaba twumva rero turimo kubikora ku kigero cyiza.

10. Mu rwego rw'uburezi, nk'uko twese tubizi hari igikorwa cy'ingenzi cyo kongera ibyumba by'amashuri. Tukaba twarihaye intego yo kubaka ibyumba by'amashuri 22.505 mu Turere twose tw'Igihugu. Icyo gikorwa cyashyizwemo imbaraga nyinshi cyane, kandi kikaba kigamije kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri n'ingendo abanyeshuri bakora bajya cyangwa bava ku ishuri. Bikaba biteganyijwe ko imirimo yo kubaka aya mashuri izaba yarangiye neza neza mu mpera z'uyu mwaka. Ariko ahenshi izarangirana n'impera z'uku kwezi turangije.

11. Mu rwego rwo gukomeza kwita ku batishoboye, ingo zisaga ibihumbi 168 zahawe akazi muri gahunda ya VUP. Bikaba biteganyijwe ko mu mpera z'uyu mwaka VUP izagera mu Mirenge yose 416 ivuye kuri 300, bityo bitume abahabwa akazi biyongera.

12. Mu rwego rwo gukomeza kubungabunga ibidukikije, hegitari 844 z'amashyamba mato zaravuguruwe.

13. Mu rwego rw'ubuzima, hari ibitaro bishyashya byongerewe mu bitaro dufite mu Gihugu. Ibyo ni ibitaro bya Gatunda byatashywe nka kimwe mu bikorwa Perezida wa Repubulika yahaye abaturage ku itariki 04 Nyakanga 2020, bikaba byaratangiye gutanga serivisi. Hari kandi n'ibitaro bya Gatonde, Perezida wa Repubulika yemereye abaturage, bikaba byarubatswe byaruzuye. Ubu hari gushyirwamo ibikoresho, tukaba twizeye ko nabyo bizatangira gutanga serivisi muri Gashyantare 2021.

14. Mu rwego rwo gushishikariza Abanyarwanda kwizigamira, abaturage barenga ibihumbi 500 biyandikishije muri Gahunda y'ubwizigame y'igihe kirekire (Ejo Heza). Kuri ubu, iyi gahunda ikaba imaze kugira abanyamuryango basaga ibihumbi 700 bafite ubwizigame busaga miliyari 5.

15. Nk'uko biri muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere, biteganyijwe ko buri mwaka hahangwa imirimo mishyashya. Ariko nk'uko tumaze kubigezwaho n'ukuriye Ikigo gishinzwe Ibarurishamibare, hari imirimo mishyashya twari twarashoboye guhanga igera ku bihumbi 223. Ariko mu gihe cya Covid-19 hari myinshi abantu bahombye, ariko dukurikije imbaraga tubishyiramo, twemeza ko imirimo tuzongera tukayihanga kandi tugakomeza kugera ku ntego twiyemeje yo guhanga imirimo ibihumbi 214 mu 2024.

16. Mu rwego rwo gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, imiryango irenga ibihumbi 8 itari ifite aho kuba, yubakiwe amazu, hubakwa ndetse n'ibindi bijyanye n'isuku n'isukura by'ayo mazu. Ibyo rero bikaba ari igikorwa kigikomeza, dusabwa gukomeza kongeramo imbaraga, tukabisaba inzego z'ibanze n'inzego zose dukorana nazo.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

17. Muri uyu mwanya nagiraga ngo munyemereye ngeze ku Banyarwanda incamake y'ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 tumaze gutangira:

18. Nyuma yo kubona ingaruka z'icyorezo cya Covid-19, zagize ingaruka nyinshi ku Banyarwanda, igenamigambi ryacu twarishyizemo imbaraga mu rwego rwo kugira ngo tubyutse ubukungu bw'Igihugu cyacu n'imibereho myiza y'abaturage, dushingiye cyane cyane ku byo Covid-19 yasubije inyuma. Ni muri urwo rwego Guverinoma yafashe ingamba zikurikira:

19. Hashyizweho gahunda yo kuzahura ubukungu (Economic Recovery and Resilience Plan). Iyi gahunda yatangiye gushyirwa mu bikorwa guhera muri Gicurasi 2020 ikazageza mu mpera za 2021.

20. Ni muri urwo rwego, Guverinoma yashyizeho ikigega cyo kunganira abikorera bagizweho ingaruka na Covid-19 (Economic Recovery Fund). Inkunga y'iki Kigega yasaranganyijwe inzego zitandukanye z'ubucuruzi zirimo amahoteli, ibigo binini, ibito n'ibiciriritse.

21. Hanashyizweho kandi Itsinda (Manufacturing Accelaration Committee) rishinzwe kureba neza uko inganda z'imbere mu Gihugu zikora, n'uburyo zakongera ubushobozi bwo gukora ibyo Igihugu gikeneye. Iryo tsinda riri kugenda ribarura inganda dufite ndetse rinareba ibintu bimwe twakuraga hanze bikwiye guhagarikwa ahubwo tukabikorera hano. Imirimo yaryo nayo iragenda neza.

22. Urwego rw'amahoteli ndugarutseho kubera ko rwagizweho ingaruka n'icyorezo cya Covid-19 ku buryo bw'umwihariko, rurimo koroherezwa kwishyura inguzanyo rwari rusanganywe. Amahoteli 138 amaze guhabwa miliyari zisaga 42 FRW.

23. Urwego rw'Uburezi rumaze guhabwa miliyoni zisaga 640 FRW, urwego rw'ubucuruzi rumaze guhabwa miliyoni zisaga miliyoni 800 FRW, urwego rw'ubwikorezi rumaze guhabwa miliyoni zisaga 490 FRW, naho urwego rw'inganda ruhabwa miliyoni zisaga 370 FRW. Iyi gahunda yo gukomeza gufasha abikorera iracyakomeza no mu zindi nzego zitandukanye.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

24. Imihigo yari yarateguwe hibandwa ku bikorwa biteza imbere ubukungu, imibereho myiza ndetse n'imiyoborere. Ariko muri iyo mihigo, tugenda twongeramo ibikorwa byinshi byibanda ku kubyutsa ubukungu bwahutajwe na Covid-19. Bimwe muri ibyo bikorwa twavuga iby'ubuhinzi, ubucuruzi, guhanga imirimo, kurwanya imirire mibi, guteza imbere uburezi twubaka amashuri ndetse tunavugurura gahunda z'imyigishirize.

25. Kubera ingaruka za Covid-19, aho byagaragaye ko ubukungu bwacu buzasubira inyuma ku kigero cyo hasi ya zeru n'ibice bibiri (-0,2%) mu 2020, imihigo y'uyu mwaka izibanda cyane cyane ku kubyutsa ubukungu. Ibi byose bizakorwa dukomeza kubahiriza ihame ry'imiyoborere myiza n'ubutabera.

26. Abayobozi barasabwa gukomeza gushyira mu bikorwa inama bahabwa n'ubuyobozi bw'Igihugu cyacu, tuvugurura ndetse tunatunganya imiyoborere yacu n'uko dukorana n'abaturage, ariko cyane cyane tukanasabwa no kubahiza inama tugirwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, kuko ibyo dukora byose tubikorera abaturage ariko tugomba no gucunga neza umutungo w'Igihugu cyacu.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

27. Ndagira ngo munyemerere mbagezeho uko inzego zinyuranye (Clusters) Intara ndetse n'Uturere, byarushanyijwe mu gushyira mu bikorwa imihigo y'umwaka ushize wa 2019-2020.

28. Inzego Bwite za Leta (Central Government) zashyize mu bikorwa imihigo mu buryo bukurikira: Iterambere ry'Ubukungu (Economic Cluster) ryaje ku isonga n'amanota **71,94%,** Imiyoborere myiza n'Ubutabera (Governance and Justice Cluster) yagize amanota **69,1%** naho Iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage (Social Cluster) ryagize amanota **56,32%.** Aha rero twemera neza ko ibyari biteganyijwe muri uru rwego byadindijwe n'ingaruka z'icyorezo cya Covid-19.

29. Ku rwego rw'Intara, Intara y'Iburasirazuba ni yo yaje ku isonga n'amanota **73,76%,** Intara y'Amajyepfo yabaye iya kabiri n'amanota **73,58%,** Umujyi wa Kigali wagize amanota **72,05%,** Intara y'Amajyaruguru yagize amanota **61,27%** naho Intara y'Iburengerazuba igira amanota **60,81%.**

30. Mu nzego z'Ibanze (Local Government), imihigo yagezweho ku kigero cya **68,44%.**

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

31. Munyemereye mbagezaho uko Uturere twagiye dukurikirana mu manota ku bijyanye n'imihigo twari twarahize umwaka ushize wa 2019/2020:

UMWANYA	AKARERE	AMANOTA (%)	UMWANYA	AKARERE	AMANOTA (%)
1	NYARUGURU	84%	16	GATSIBO	68,4%
2	HUYE	82,8%	17	RUHANGO	67,9%
3	RWAMAGANA	82,4%	18	RUBAVU	67,8%
4	GISAGARA	78,3 %	19	BURERA	66%
5	NYANZA	77,9%	20	NYAMAGABE	65%
6	NYAMASHEKE	77,4%	21	RUTSIRO	64,6%
7	NGOMA	77,3%	22	NYARUGENGE	62,6%
8	KICUKIRO	77,1%	23	RULINDO	62,3%
9	GASABO	76,4 %	24	NGORORERO	61,5%
10	KIREHE	76,2%	25	MUHANGA	58,7%
11	KAYONZA	73,9%	26	GAKENKE	55,9%
12	KAMONYI	73,6%	27	MUSANZE	53,2%
13	NYAGATARE	69,3%	28	NYABIHU	52,9%
14	GICUMBI	68,7%	29	KARONGI	51,2%
15	BUGESERA	68,5%	30	RUSIZI	50%

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

32. Nagiraga ngo twongere tubashimire kuba mwaje kudutera inkunga muri uyu muhango no kumva imihigo twabahigiye umwaka ushize n'uburyo yashyizwe mu bikorwa. Tukaba rero tubizeza ko n'imihigo dushyiraho umukono uyu munsi, tuzashyiramo imbaraga nyinshi tukayishyira mu bikorwa ku buryo umwaka utaha twazabona umusaruro mwiza.

Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.